**REPUBULIKA Y' U RWANDA**

**URUKIKO RWISUMBUYE**
**RWA RUSIZI**
**ICYEMEZO N° 001/2020/TGI/RSZ GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri, umunsi wa 07 w'ukwezi kwa Gashyantare;

Twebwe **TWAGIRAMUNGU Félicien,** Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi, dufashijwe na MUKARUGWIZA Judith, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa RUSIZI bwaregeye uru Rukiko uwitwa **NIHIMBAZWE Jeannette,** mwene MAKUBA Anastase na Mukarere Elina, wavutse mu mwaka wa 1991, avukira mu umudugudu wa Nyanza,Akagari ka Nyarusange, Umurenge wa Bushekeri, Akarere ka NYAMASHEKE, Intara y' UBURENGERAZUBA, repubulika y'u Rwanda,akaba ari naho atuye, akaba ari Umunyarwada, ni umukozi wa SACCOpp , akaba akurikiranywe nk'uwacitse ubutabera, aregwa icyaha **cyo kurigisa umutungo, icyaha gitenywa kandi kigahanishwa n'ingingo ya 325 y'itegeko ngenga n° 01/2012 ryo kuwa 02/05/2012 rishyiraho igitabo cy'amategeko ;** ikirego kigahabwa N° RP/ECON 00032/2019//TGI/RSZ.

Dushingiye ku ngingo za 160-162 z'Itegeko N° 27/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

Dutegetse ko **NIHIMBAZWE Jeannette** agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rusizi kuwa **17/03/2020** saa mbiri za mu gitondo aho urukiko ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko, akaburanishwa adahari;

Dutegetse kandi ko iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo kandi kikamanikwa ku Rukiko Rwisumbuye rwa Rusizi. .

Iki cyemezo gitangira gushyirwa mu bikorwa ku munsi cyafashweho.

Bikorewe i Rusizi, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

**TWAGIRAMUNGU Félicien**
**UMUCAMANZA**

**MUKARUGWIZA Judith**
**UMWANDITSI**